## IRUSHANWA RY'UBWANDITSI UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI HOSE.

Umuvugo: MVUGE URUBYIRUKO

Wahimbwe na NIYONAMBAZA Asman
Secteur Bugarama
Commune Kayenzi
Préfecture GITARAMA
C/O A.MU.R(A.S.B.L)
B.P. 594 KIGALI.-

# MVUG'URUBYIRUKO

Mvug'Urubyiruko rw'uru Rwanda

Ndate amahoro n'ubumwe byarwo
Ndetse no gufatanya muli Rusange
Aliyo ntego y'uyu mwaka.
Mvuge umuryango w'abibumbye
Uhor'ureba impande zose
Mu buryo kandi ushoboye bwose
Ar'ukugirango kw'isi hose
Ikiremwa muntu gitere imbere .
Musore ukwiye ni wowe ubwirwa
Mukobwa nawe ubyirutse neza
Ayo magambo ntagucike.
Ubuzima bwiza turabushaka
Ijoro n'umunsi ukwezi kwose
Umwaka ugahita n'undi ukaza
Icyo gihe cyose duhangayitse
Ar'uku girango tumererwe neza.
None lero uko tuli twese
Twese twese ntawe usigaye
Reka dushakire hamwe ukuntu
Twabushyikira bitatugoye.
Mbere ya byose reka dushime
Uriya muryango w'abibubye
Wagize igitekerezo gikwiye
Cyo gushyigikira urubyiruko rw'ubu ngo rwumve neza uruhare rwenda
Mu kwizamura ku giti cyarwo
Ndetse no ku gihugu cyarubyaye.
Musore nawe nkumi b'u Rwanda
Mwe murahirwa simbabeshya.
Iyo twibye u Rwanda rw'ubu
Tugatekereza n'urwa kera
Dusanga rwose mugir'imana.
Kera u Rwanda rugikoronijwe
Abanyamahanga barwikubiye
Urubyiruko rwali rusingiriye.
None lero cyo nimurebe
Mukwiz'amaso impande zose
Muzasanga ubumwe ali bwose
Amahoro iteka ariyo aturanga,
Ndets'amajyambere yihuta.
Mur'ibyo byose uko mubireba

.,../...

Uruhare munini nitwe rureba.
U Rwanda rwacu ni ruto cyane
Rutuwe cyane ibyo turabizi
Nyamara duhagurukiye limwe twese
Tugashyira hamwe ingufu zacu
Nta mahane nta matiku
Nta mwiryane nta muvundo
Nta munyangire turazirana
Nta cyatuma buli munsi
Tutalirimba ubumwe n'amahoro.
Kandi lero dufit'akarusho
Mu gutez'imbere igihugu cyacu
Kuko uyu mwaka udasa n'iyindi
Ar'uwacu kw'isi hose.
Nimucyo lero se utaducika
Tugasigar'uko rwadusanze!!
Ibitudinsiza byo ni byinshi
Nyamara kandi mu kinyarwanda
Bavuga yuka nta mugabo umwe.
Reka turebe ibya Magorwa
Uwo muhungu uhoran'intimba
N'umutima usobets'amaganya
Uhora atekereza iherezo rye
Yakumva ntaho azagarukira
Akibonereza iya NYABARONGO.
Nyamara yakumva n'aho agiye
Iyo NYABARONGO yitabaje
Ngo ko babanza kuyigulirirwa
Baka yih'impongano bitwaje
Ubwo ngo ikunde ibakire vuba •
Maze uwo muhungu aliwe Magorwa
Ibyo yabireba bikamushobera
Ati mana ikund'ibiremwa byawe
Wankuye kw'isi ko ntacyo maze.
Ngaho lero umva ikibetera
Ubu amasambu ni make cyane
Nta rukoki nta gakawe
Nta gitare iki k'ibijumba
Nta mashuli afite ko yize.
Igihe cy'amage aratekereza
Bikamushobera akabura iyo ajya.
Komini iramwaka maganatanu
Y'umusoro we ibyo n'itegeko

.../...

Na Wa musanzu Muvom'ishaka
Kandi lero n'ibiro byayo
Biramushakamo maganabili
Ngaho abaye maganalindwi
Abaye uwande ko akomerewe?.
Nta gapantalo ntashaki
Kujya mu bandi ibyo arabitinya
Umushyitsi araza ati nta bwo mpali
Ar'ukubura icyo amwakiriza.
Magorwa lero biramuyobeye
Ati ngirente Mana yanjye
Uwakwifatir'iya Kigali.
Ali mukuru we ali na Nyirarume
Ali se wabo ar'umubyara
Mur'abo bose ntawe asanga.
Ageze mu muhima bati maganane
Kandi nta n'ijana yajyanye
Yafash'umugambi wo kujya i Kigali
Ati nzapfa nzakira simbizi.
Arebye hepfo areba ruguru
Ati Reka nshakire mu birenge
Bati muratange n'umujura.
Ikiri Jandarumeri iti nicyo nshinzwe
Izo mataraki zabo mwumva
Ziragatsindwa n'iyaduhanze.
Izo nshi z'amatwi imisaya yombi
Kuva yavuka ntiyabibonye.
Ubwo ako kanya baramujyana
Bati muri Amigo niho iwawe.
Imana niyo izi uko azaba.
Ubwo ibyo byose se ikibitera
Si mbuz'uko ngira ya buli munsi?.
Magorwa lero ibye birakomeye
Reka tubyigire hamwe twese
Tumuhe inkunga tumuhe inama
Maze aho kwitwa irya Magorwa
Yitw'inkundirwagutebuka.
Igihe tukiga ibya Magorwa
NYIRAMBUZEHOSE aba arahashinze.
Ati ubu rwose njye naragowe
Ijoro n'umunsi impaka ni zose
Mu rugo iwacu nicyo gitarama
Imirimo myinshi nijye iza ireba

.../...

Inabi zose nijye bayuka.
Imisozi yose irankanulira
Aho nyuze ngenda ntazi iyo ngana
Mpunyeza nta maso narwaye
Abambonye iyo mu bisambu
Nduz'imihanda y'ubungubu
Igendwa n'abafite ibyo barata
Ngo nguwo nyirashyano aribatuye
Ngo wa mushingwe aratambutse.
N'ibindi ntiriwe ndondora
Ubwo ngo ndazira ubwali bwanjye
Ntategej'abo basahuzi
Nanga kuzaba umbwerbwezi
Iyi bahonga urwabitoki
Ubuzima bwazo bukaba ar'ubwo.
Abitwa lero ko bambyaye
Sinakubwira inkekwe irahinda.
Ngo Nyiramaliza wa Rutebuka
Ejobundi ntiyibarutse umukobwa ??
Ngo Nyirankundwakazi wa Kamali
Si ngaho aravugira muli balindwi
Ngo ubwo se none umaze iki kw'isi??.
Nyamara bakiyibagiza yuko
Igena uko ishaka nta ruhato.
Ubu se njye igituma ntabibonye
Natuts'imana ubu nicyo mporwa??
NYIRAMBUZEHOSE ndagoberewe
Nabuze mu mashyi no mu mudiho
Nabuze ibwami n'aka rubanda
Ubu se nkwiy'iki Mwimanyi.
Ngiye kwifatira iyo mu mugi
Nimbon'unkubita maganatanu
Uko bukeye n'uko bwije
Nkagura kazumbature ihenda
Nkayisiga nkab'umuzungu
Ubw'abayafite bazandeba
Amavatiri bayah'umuliro
Maze bater'amatako iwanjye
Bajye hariya mbavangure
Yewe nta raha litari iryo.
Dore ngiliya tagisi iraje
Uwayitereta yamutwara
Ageze mu mugi biramushobera
Arebye hirya areba hino ..../...

Nta wamwiroreye n'iruhumye
Ati n'ubundi barabivuze
Ko uwarose nabi bulinda bucya.
Barongera kandi bakavuga bati
Iso ntakwanga akwita nabi.
NYIRAMBUZEHOSE biramfanye .
Niyo iwacu batambyara
Simba mfutye uru rupfu rwose.
Ati reka ntahe nihahandi
Uwiteka ushobora byose
Ubu niwe uzangener'igikwiye.
Mvuka mu bantu s'inyamaswa
Reka mfe kugenda mbanze ndebe
Ko bagifit'umutima wa kibyeyi
Nibanampinda sinzakunda
Uhubwo bazice nihahandi.
Umunyarwanda yarihoreye
Yita umwana we s'urwumwe.
Magorwa yavugaga ibizazane
Byamuteye guhangayika
Kand'abandi bakungahaye
Non'abony'uwo bafatanyije
Aliko lero we birakomeye
NYIMBUZEHOSE aratangaje.
Cyakora rwose ubwo tubibonye
Kandi tukaba tunabyumvise
Reka tugend'iyo mu baganga
Maze turebe yo umuntu wabyo
Tuvure abo bana bashire impumu
Bashire intimba banezerwe.
Ariko mur'uwo munezero
Ntibazashake kumera nk'aba
Tugiye kugiran'ikiganiro.
Sebazungu se bite byawe?
Musor'uhor'userukan'isheja
Ishema ligushengurac mu muhanda
Intego yaw'ubu n'iyihe?
Ko iyo nkmrebye nkuk'umutima
Ndeb'imyifatire usigaranye
Ngasanga nta garuliro ryawe.
Ubyuka saa tatu lyavuye
Abandi imilima bayigereje
Nubw'abayifit'ali bakeya

Arik'ugiye ukabisunga
Rwose ntabwo baguheza
Kandi dushaka ubusabane.
None lero uti ubu ubwo mbyutse
Ngomba guhanagur'iyi nkweto
Ipantalo yanjye nkayiha ipasi
Maze ahasigaye ngatembera.
Nkajya iyo nshaka ntawe untegeka
Iyo mu masoko ntawe umpeza.
Umutesi n'ankubit'akajisho
Akareba kereyo na shimboke
Ubwo azanyibazaho gatoya
Nanjye ntakindi nzaba nsunga
Nzamubwira nti ngira nkugire
Ahit'ansubizany'ibyishimo
Ati kunda ndushe ndakwihaye.
Umukiro wawe lero n'uwo
Niyo majyambere uzarata
Ngo aha nawe uli umuhungu ?.
Nibakubwira bati umuganda
Niyo majyambere agiz'u Rwanda ngo reka yewe ibyo ndabirenze
Ngo ariko ubundi ubwo buretwa
Naburazwe na nde ko nigenga?
Ngo imburamukoro nisigende
Nibayahembwa sinzabasaba.
So wakubyaye n'akubwira
At'izi kawa wazikoreye
Ukabon'umusoro n'umusanzu
Ukagur'ipantaro n'ishati
Ukabon'icyakunyuza mu bandi
Ng'oya musaza uravug'ibyawe.
Nyamara n'ugatwa n'ubutegetsi
Azakugemulira ijoro n'umunsi
Ndets'anagutangeho amafranga
Yali kurwana ku rugo rwanyu
Kugirango imisi ibe yigirayo.
Uwo mutwaro uha uwo musaza
Kand'agend'adandabirana
Ar'ukubera kumva nabi
Na ndigenga iyo uhora urata
Ngo aha n'amajyambere ugamije?
Ubwo s'urumva koko iyo ntego
Ufite ubwawe ku giti cyawe
Utagira ukunganira n'umwe ..../...

Urumva uzagarukira hehe?.
Sebazungu uratangaje.
Abandi bana urabonona
S'ugutanga urugero rwiza
Kuko iyo utekerez'ibyo ngibyo
Kand'ukabikora bakureba
Baragutinya bitagukwiye.
Barakureba bakakunenga
Ndetse bagatangira kwinuba
Ngo ntatugeremo n'umuzungu
Kuko abazungu bab'i BURAYI
Niyo baje inaha mu rwanda
Baratwegera tukajya inama
Abatabishoboye bagum'iwabo.
Ngitango lero urabyumviwe
Sebazungu musore mwiza
Ubwiza bwawe ntacyo bumaze
Ntawe bushimisha n'umwe rwose
Kerek'abonye ibikorwa byawe.
Kubw'ibyo lero ugomba kumva
Ko igihe tulimo ari icyo gukora
Maz'aho kwitwa Sebazungu
Tukaguhimba Sebahinzi.
Ukitw'umwan'ukorer'u Rwanda
Ukajya uratw'iyo mu bitaramo
No mu madisiki bacuranga
Ngo nguwo umwan'ukorer'igihugu
Nguwo umwana ukunda Muvoma.
Ibaze urasanga ariko bikwiye.
Wowe se mukobwa ubyirutse neza
Umuteteli tuzi twese
Uteye neza impande zose
Ufite uburanga bunyuze bose
Urahita bose bagahagurukka
Bagirango birebere uko usa
N'ingendo yawe iteye ukwayo.
Nziko wasohotse Familiyali
Umugambi wazanye n'uwuhe
Kugez'ubungubu byifashe bite?
Niba ushotse CERAI se bwo?
Programu yanjye n'iyi:
Kuva natangira mw'ishuli ..../...

Sinigeze mpinga sinkubeshya.
Guter'intabire ntabwo mbizi
Gukiz'imyanda mu rugo iwacu
Narabirebaga nkabitinya.
Kuvom'amazi byo n'umunsi
Nabonaga kw'ikorer'ikibindi
Byankurulira ikibazo kinini
Umusatsi wanjye nkawangiza.
None lero reka nkubwire
Kubyuka kwanjye ni saa moya
Amazi ab'ahali s'ayo mvoma
Gukaraba Surfo byo n'ikizira
Umubili wanjye ntabwo uyizi.
Ahubwo noga izi z'abazungu
Ndetse nkisiga amavuta yabo
Maze ahasigaye ngatembera
Nkimezeza n'uwo nkunda.
Mu mahoteli ntituhagoboza
N'ukugenda tumeze neza
Ababishinzwe baba babizi
Bakatwakira kuli gahunda.
Byeli muzi ntituyireba
Izo twamenyereye ni Shampanye
N'izindi zose zitoroheje
Uri kuli Antene tukamubwira
Agashyirah'"IYIZIRE KANYANA KANJYE".
Ayo magambo y'umuteteli
Atararangira ngo musubize
Haz'uwitwa Muhonganseka.
Ati ubu rwose iyo ntekereje
Nkibaza cyane ubuzima bw'ubu
Nsanga njyewe narabubonye.
Iwacu nta mvune mpura nayo
Ndagenda nkaeir'igihe nshatse
Nta nabi mba ndibuturwe
Nkarya nkaryama nkanezerwa
Ubuzima buruta ubwo n'ubuhe?.
Iyo ngeze lero iyo mu bahungu
Balitonda bakandeba.
Kandi lero ga aba ali ngombwa
Wowe se ko mba nsa na bikeya
Ngenda mpumura inzira yose
Uwo duhuye agakangarana
Ngo uyu mukabwa n'uwa hehe? .../...

Nabona lero umusore mwiza
Nkamwegera nkamusuhuza
Nkamuh'izo beze imisaya yombi
Kabili gatatu kane gatanu
Nkamwenyura bitali cyane
Ubw'agahinduka wa wundi
Ubw'isha itamba aho mu gisambu
Uwo yar'afite akarujugunya.
At'uyu mwana ntiyanshika
Kuko mukunze alibwo nkimubona.
Ubwo ariko kandi nanjy'aho ndi
Mba natwawe simbabeshya.
Kuv'ubwo lero rukambikana
Ngaho ngaho iyo mu kabare
No mu bikali byabigenewe
Ubwo igikulikira muracyumva.
N'uguhaga batarya byinshi
No kulirara nta gitaramo
Isaa munani at'ubu ndarembye
Ngo nibajyane kwa muganga
Umuforomokazi akarwibonera.
Uwagiz'imana nta yitware
Ejo ukajya kumva ngo yijyanye.
Nta kajambo nta kamama
Nta kabindi nta gashashi
Ngo n'umudeli w'ubungubu
Ibyo n'ibintu yemwe bali???.
Cyo have sigaho Muteteli
Uwo mugambi ntabwo ukwiye
Ntabwo uberanye n'igihe tulimo.
Uzabibwire Muhonganseko
Ko ibyo mukora atali byiza
Ko ar'ugusenya igihugu cyacu
Ko ar'ugutesh'umuco -NYARWANDA
Agaciro kawo ali byo turwanya.
Maze aho kwitwa Muhonganseka
Uzajye witwa MUKOBWA-JANA.
Ngaho lero tujye akanama
Ariko mbwire Sebazungu
Wa muhungu w'inshuti yanyu
N'abandi bose bameze nkamwe
Maze dushakire hamwe twese
Umuti w'ibyo bibazo byanyu.     .../...

Kuko iyo nitegereje neza
Uwo mugambi muhuliyeho
Nsanga ibyanyu nta garuliro
Nkagir'agahinda kenshi cyane.
None lero nimunyumve
Niba mukund'amahoro n'ubumwe
Cyo nimushyigikire Jenerali
Na Muvoma nziza yatuzaniye.
Nimucyo dushire hamwe ingufu zacu
Dufatanyiliz'ibikorwa byose
Ali mubuhinzi ali no mubworozi
N'ubukolikoli turabuzi.
N'indi myuga inyuranye yose
Mbese tuzamukire limwe twese
Niyo majyambere twifuza
Igihugu cyacu giter'imbere.
Kera umukobwa yabag'iwabo
Agakiz'imyanda batamubwiye
N'indi milimo igenewe umwali.
Akoza ibyansi n'imyibaze
Maz'umuhinzi yahingura
Akamuh'ikivuguto kimeze neza
Yakiyotomer'akanezerwa
Ati koko amata agira gitereka.
Nta mukobwa wavag'iwabo
Ngo ajye iyo ashaka nk'ibyo byanyu
Adafit'uburenganzira bw'ababyeyi.
None lero ntibikiboneka
Ngo aha amajyambere yarteye.
Nah'umuhungu wabag'abyirutse
Yakorag'imilimo ikomeye cyane.
Agahing'agahingura
Agashor'inka akaziragira
Akazicyur'akazinikiza.
Inzara yater'ubw'agasuhuka
Akajya guhahir'urugo rwabo
No kurugamba ntahatinye.
Maz'umusaza ibyo yabireba
Ati mwana wanjye komez'imihigo
Ndetse nguhaye Gitare iriya
Ubw'akayit'"INGARAGAZABIGWI".

.../...

None lero ibyo ntibikibaho
Yego data ni Demokarasi
Ariko kandi twisubireho.
Uwo mulimbo tuwiyambure
Maze twiyambik'umulinda
Dukorer'igihugu cyatubyaye.
Twikwishyir'aho tudakwiye
Twikwigir'abanyabwenge
Kandi nta mashuli twize
Twoye kwigira nk'abazungu
Umuco nyarwanda urabyamagana.
Ubwo busilimu dukimbagiza
Ntacyo bwatugezaho rwose.
Yego ntawe ubuzwa kulimba
Ariko kandi nyuma y'umulimo.
Dor'amajyambere niyo adhakwa
Mureke natwe aho tuli twumve
Ko uwo mugambi ar'uwa twese.
Ibyatuzamura ni byinshi
Dor'amashyirahamwe yarateye
Duhinge tworore tudatinya.
Inka ninkey'ibyo turabizi
Nyamara kand'ihene n'intama
Inkoko inkwavu ndetse n'ingurube
Ayo matungo magufi yose
Ifumbire yayo ntimuyiyobewe.
Imilima yacu nimike cyane
Ariko Uwufumbiy'uko bikwiye
Nk'uko ubibwirwa n'Agoronome
Umusoruro ntiwawubura.
Dufume dutake twarabyize
Murugo iwacu tuhasukure
Tubumbe amategura n'amatafali
Komini iduhe inkwi zo kuyatwika
Maze tuyarure tugulishe.
Tumaze kubona ayo mafaranga
Tuyikenuze mu bbyo tudafite
Umurwayi azabon'ikimurwaza
Umushyitsi n'aza tumwakire
Azagire n'iyo abwir'abandi.
Ndets'umutegetsi n'adusura
Akabon'ibikorwa twagezeho
Ntakizatum'atishima
Ndetse ngo abe yaduha n'inkunga.

.../...

Leka nawe tukwisunge
Tuzi yuko ali umubyeyi
None lero dor'uyu mwaka
Wahariwe urubyiruko kw'isi hose
Inaha mu Rwanda natwe n'uko.
Abana bawe tulifuza
Yuko waduter'inkunga.
Kuko urubyiruko rw'uru Rwanda
Twebwe dushaka gushyirah'akarusho
Ndetse tukozaba intangarugero
Muli Afrika no mu BURAYI.
Ukaduhinama kuko uli mukuru
Ukadufasha mu buryo bwose.
Ukatugenderer'ino iwacu
Maz'ukareb'ibyo twagezeho
Ukanareb'ibyo tudashoboye
Ar'ukuber'amikoro make
Ukaduh'inkunga yo kubigeraho.
Maze aho kwirukir'iyo mu mugi
Utanabitwemerera ngo tubeyo
Uduhe ubrere twicare hamwe.
Duhe abayobozi babimenyereye
Bazi neza umulimo wabo
Kuko mubyeyi iyo twigunze
Tudaheruka utugenderera
Kandi twitwa ngo turamufite
Biratubabaza sinkubeshya.
Duh'abahanga mu bitureba
Batujijure mu byo tutazi.
Abasore n'inkumi ubu tuli benshi
Uzi ko abize alibo bakeya
Iyo tugeragej'iby'ubufatanye
Ntitubone uwaduter'inkunga
Turatatana bikandupfana
Maz'uburaya n'ubwomanzi
Ndetse tudasize n'ububandi
Tukabitangira bidatinze
Nyuma ukaduhinduka atli twebwe.
Ngaho lero cya dutabare
N'ubundi umubyeyi afash'uwabyaye
Mu buryo bwose buzamufasha
Kuzamuka bitamugoye
Ikindi gihe akazitwa intwali .../...

Duh'ibishanga kuko ali byinshi
Maze tubihingemo imboga zose.
Kandi lero s'imboga gusa
Hali n'ibindi twahahinga
Ibijumba byacu bifit'akamaro
Kandi ntibisigana n'ibishyimbo
Hali ibigoli ndtse n'amasaka
Maze umusaruro tubonye
Uzadutunge tunagulishe
Ntabwo tuzifuza kugana mu migi.
Nyuma y'umulimo twidagadure
Dukin'umupira n'abadusumbye.
Aho uzi kumva ngo iyi komini
Abasore bayo bagishiye he?
Aho uzi kumva ngo Segiteri
Yanze kujya gukina aha n'aha
Kubera ko itagir'uwo mupira?.
Dukor'animasiyo dushyikirane
Twumv'amatwara Muvoma ishaka.
Tubyine twivuge tulirimbe
Tubuge imihigo ya Jenerali
Ndetse tugerageze no kugarura
Imikino yindi y'aba kera
Kuko dushaka gutez'imbere
No gushyigikira umuco-nyarwanda.
Dusabane aho tuli hose
Tujye turangwa n'imico myiza
Tujye turatwa no mu mahanga
Ngo genda Rwanda ufit'urubyiruko.
Abatabishaka bahambire
Bajye iyo izindi zazimiriye.
Erega Leta ni wowe mbwira
Abana bawe alitwe rubyiruko
Ngiranga uzi neza ko tuli benshi
Muli twe abize ni bake cyane.
Biratangaje biranababaje
Kubon'umusore ubyirutse neza
Kand'atazi gusoma a
Cyangwa atazi gusoma i.
Hariho abana bafit'ubwenge
Batashoboye kuzamuka.
Ha Iyo ubon'umwana yihangana
Akavugijambo limeze neza

Akagir'inama abo batareshya
Bitwa ko basohots'amashuli
Kandi batayigir'ubwabo.
Bene abo bana se ko ali benshi
Amaherezo yabo azab'ayahe??
Duh'amashuli inaha mu byaro
Maze ajye yigwamo n'urubyiruko
Rutashoboye kwiga na limwe.
Bagenzi babo babigishe
Nibo abo mvuga ko bafit'ubwenge
Kand'ubu bakaba bigunze.
Maz'uwo uzabon'akaora neza
Uzamushimire bimukwiye
Kuko nawe azaba akorer'igihugu.
Ba ntamwete ubashyir'ukwabo
Ubasimbuz'abafit'inyota
Yo gukorer'u Rwanda niyo dushaka.
Cyo ngaho mbwira s'urwo rubyiruko
Ruzaba rukora rushyize hamwe
Ikizarutera gutatana?
Mu kinyarwanda ntibacumugani
Ngo uhagarikiwe n'ingwe aravoma?
Bagomba kwiyumvisha yuko
Ntawe ukwiye kub'ikirara
Kuko bazaba bazi neza
Yuko bashyigikiwe nawe.
Ubwo se ndabeshya Leta weee!!!
Icyo n'ikifuzo tukugejejeho
Ariko ugeregeze kudusubiza.
Nta byera ngo de birazwi
Nta muryango utagir'ikigoryi
Ubu haliho Simbikangwa
Na Katabirora bahuje ingeso
Na Bizengarame w'inshutiyabo.
Abo bahungu ubwo uko ali batatu
Har'abitwa bashiki babo
Murekatete na Mutamuliza
N'undi witwa NYIRANTABWIRWA
Abo batatu lero ntitubashaka.
Tulifuza ko abo bahungu
Bakwitw'INKERAGUTABARA.
Katabirora akaba "KARAMENDATE".
Simbikangwa akaba "NDAKUMVA"
Bizengarame akaba "UMUHEZA"?. .../...

Murekatete we akab'inkingi
Yegamiwe n'abali bose.
Mutamuliza akaba umutoza
Utoz'abana bamukulikira
Ingeso nziza bazakurana.
Nyirantabwirwa maze abe isoko y'uwitwa
Umwali wese
Agomba kuvomamo, icyamufasha
N'abandi bose bameze nkabo
Bumve neza ko uzatinda
Agatakara atali bubone
Uzamutera ingabo mu bitugu.
Mas'urubyiruko tunezerwe
Tunakoreshe amaboko yacu
Twubak'igihugu cyatubyaye
Ar'ukubera ko waduhaye
Inkunga ikomeye udasize inama
Bajye batwita "INKAZAMUREGO".
Basore namwe nkumi b'u Rwanda
Namwe bana muzamuka
Ubu nimwe mwitwa u Rwanda rw'ejo.
Nimwe muzaharanira by'ukuli
Guter'imbere kw'igihugu cyacu.
Dore ni mwebwe gitez'amaso
Mu kugitengamaza bikwiye.
Leta lero yarahagurutse
Ubu irakora uko ishoboye kose
Kugirango itwereke ukuli kwayo
Mu kudushyigikira byimazeyo.
Nimucyo lero uko tuli twese
Twiyumvishe iby'iyo ntego.
Umwana mwiza warezwe neza
Niwe dukesha kwitabira
Uwo mugambi utagir'amakemwa.
Erega murumvir'aho babyeyi!!!
Ibi tubwirwa ntibibacike
Mufatanye n'abo kuduh'inama
Mukaz'umurego ku kazi kanyu.
Maz'uwo mwana azave mu rugo
Afite uburere bunyuze bose
Afite amatwara ya kinyarwanda.
Azatuma akunda bene wabo
Agakora nez'ibyo bamubwiye

.../...

Agirango atez'imbere uru Rwanda.
Mubyeyi lero reka nkubwire
Niba unyumva ibyo simbizi
Nyamara ushatse wakulikira.
Niba umubyaye uguterer'iyo
Ugatekerez'ibyo muli Bar
Biragupfanye sinkubeshya.
Abo kuruhadne barakureba
Bakakunenga ngo dore nguwo.
Abo wabyaye iyo batakubona
Baba ibirara bagihaguruka
n'amara kugeragez'ibyo kugenda
Uzamubwir'agir'icyo yumva?
Nawe lero ngo uramucyashye
Ati niba wang'ubuzima bwawe
Ngaho geragez'unkoze urwara.
Cyo ngaho mbwira nshuti y'akabali
Uwo muhungu ufite iyo ntego
Urumva azagarukira hehe?
Mushiki we se niwe uzaba mweru?
Igihe wavukaga ntiwasanze
Bae'umugani mu Kinyarwanda
Ngo igiti kigororwa kikili gito?
Ubwo se iyo Bare y'inshuti yawe
N'iyo byeli ngishwa-nama
Igihe cy'amage nikigutera
Urumva izaguha n'agatebo
Aka k'utujumba ngo uhoz'ucutse?
Mbese n'akubon'uri gahuru
Utagera mu rugo kimwe n'abandi
Intego yaw'ar'ugusinda
Umulimo waw'ukaba kurwana
Ugahor'utotez'uwo washatse
Ugahor'utongana na rubanda
Ar'ukuberisindwe ryawe
Urumv'azagir'uburere koko?
Na nyina ubabyara wenda n'uko
Iyo mu kabali ntahatangwa
Urwa bitoki rwaramuguze
Iyo yarubonye ubuzima n'ubwo
Nib'abana batariye
Ibyo n'ibyabo ntibimureba.

Nawe lero witw'intore
Ko uhora mu rugo ntuzerere
Ugahor'utotez'uwo wabyaye
Bikamuter'intimba ndende
Wabona lero adasa n'abandi
Ar'ukubera guhangayika
Ubwo ugatangira gushikisha
N'indi muhango ya gipagani
Ngo umwana wawe yarhumanye
Cyo se babyeyi ibyo n'ibintu??
Have nimusigeho mwumve neza
Ko urwo rubyiruko mutererana
Ali rwo rwanda rw'igihe cy'ejo
Igihugu gikeneye ingufu zarwo
Muruhe impamba inzira zikiriho
Ingero ni nyinshi mu birureba
Kuko uwo mwana uli muwa kabili
Ejo aliwe uzaba ali Goronome
Dor'imishinga iriyongera
Iyo witegereje se ubona yuko
Ali wowe Leta izah'umulimo
Ngo jya kugenzur'amashyamba?
Cyangwa kubwiriz'uko bahinga
Kand'icyo gihe uzaba ushaje?
Igihugu cyacu gikeney'ingabo
Alibo basikikari mujya mubona
Abenshi muli bo n'urubyiruko
Bazakubwir'ukure ushati
Maze ujye kwiruka aho ubishobore?
Bazakubaz'ubumenyi bw'isi
Maz'ubisubiz'utarabyize?
Mbese n'ufatwa n'indwara
Nind'uzakubwir'iy'aliyo
Nind'uzaguh'ako gushinge
Sinjya numva muvuga y'uko
Ariko kavura kurush'indi mitti?

N'akubwira ati gur'IMVAHO
Twumve amatwara MUVOM'Ishaka
Uti oya nta gatama nabonye.
Ibyo si byiza mur'iki gihe
Reka uwo mwana ajye mw'ishuli
Yig'ubwenge ashyizeho umwete
Wimucylira ko ngo utize
Aho kumutotera kujya mu nka
Uhubwo umutote ajye mwishuli
Ejo ntusumva inkuru ikubwira
Ko ali Minisitiri w'Uburezi?
Nt'uzajya kumva ukumva yuko
Bamuhinduye Coloneli?
Ubwo se ntiwagir'ibyishimo?
N'ibindi byinshi kandi byiza
Bibonwa n'umwana wize neza
Naw'abikesha abamubyaye?
Yemwe rubyiruko rw'uru rwanda
Nimucyo dushyire hamw'ingufu zacu
Igihugu cyacu nitwe gikesha
Amahoro yacyo ijoro n'umunsi
Gufatanya kwacu niwo mugambi
Wo kugitez'imbere bikwiye.
Aya majyambere ahor'ashakwa
N'ukugirango tumere neza
Maze tujye twitwa "ABANYAMURAVA".

.../...

Twange rwose abo badukurura
Badushukish'ayo mafaranga
N'ibindi byose biyobya umuntu
Ngo aha natwe baradukunda
Bya hehe byogatabwa
Nyamara wenda banadukwena.
Yewe muntu utagir'ibambe
Yewe muntu udatekereza
Kamena-banga iby'ukora n'iki
Mpemuke ndamuke uragana hehe?
Yewe muntu wang'urwanda
Utang'urugero rubi mu barwo
Iyo nzira ulimo iragana hehe?
Hari no kubon'umugabo ushaje
Ushesh'akanguhe bamureba
Yanga gushyigikir'umuco mwiza
Rwanda yacu ihor'idutoza?
Yabon'umwana ava mw'ishuli
Nk'aho yamutose cyane
Ngo agane iwabo abafashe akalimo
Ngo garuka shahu usome ku kagwa
N'akubwir'ati njye ndahaze
Ng'onger'uculure mwana wanjye
Ngaho lero abye isake.
Igikulikiraho s'ubwo n'iki
N'ugutaha atuk'abo mu rugo
Umulimo umwalimu yamuhaye
Azawutunganya bigeze hehe?
Ejo ujye kubona bavug'amanota
Ubone agiye inyuma y'abandi
Ubwo se uzumva bikwizihiye?
Siwe uhemukira uranga u Rwanda.
Cyo lero nawe udafata urwagwa
Ukuba wikundir'ako kabyeli
Ngo utagasangiye n'agatonore
Ntabwo waba uli muhungu.
Uti yewe disi Madamaze!
Kandi anga na bucura bwawe.
Ngo ngwino disi tuganire
Maze dusangire aka kabyeli
Ndetse nkubwire uburyo ngukunda.
Iyo nkubonye mba nishimye
Nkumva wahor'iburyo bwanjye

.../...

Ngahora ndeba ubwiza bwawe.
Umutima wanjye ukanezerwa
Ndetse ba ufashe aya maganatanu
Uzagure "AMBI na KEREYATONE"
Kandi nzakugulira ikanzu
Maz'ujye ugend'ukang'abahanya.
Imbere yanjye witw' "UMUHOZA"
Ubundi witwa "MUHORAKEYE"
Kandi uzitwa "MUMARARUNGU".
Ayo magambo asize umunyu
Yuje ubuhemu n'uburyarya
Nk'ubwo rwose umwana uyumva
Kandi wend'ari muto cyane
Amaherezo ye azaba ayahe??
Cyose wowe wiguriye iyo Benzi
Lero ngo ni mucutse umumpe
Mpemukir'umwana n'uwamubyaye
Ndetse mpemukire n'igihugu cyose
Mukubite mu modoka tugende
Njye kumutembereza aho atazi
Kigali nziza ntabwo ayizi
Ayo mahoteli meza abwirwa
Njye kuyamwereka yishime
Kiyovu, Kinyinya no mu Mubano
N'ahandi hose kandi heza
Nzamutembereza uko ashaka
Nzamushukisha ibyiza byose
Ibyo azanyitura ntabiyobewe
Maze niyanga mute iyo atazi.
Yewe yewe yewe yewe!!!!
Have mwisenye igihugu cyacu
Nimureke kwandagaz'abo bana
Alibo bitwa u Rwanda rw'ejo
Mwibatoza ingeso mbi rwose
Nimubatoze ibikorwa byiza
N'ingeso nziza iminsi yose
Bakure bitwa abana beza
Bazatez'imbere mu Rwanda.
Rwanda yacu gihugu cyiza
Abana bawe tuzishima
Tukulirimbe duhimbawe
Tugucurange ijoro n'umunsi.
Kandi lero nikibitera
Ufite Perezida w'ikirenga
HABYALIMANA imfura y'u Rwanda ..../...

Yakwitangiye kuva kera
Akili umwana mu rugo iwabo
Yahorag'iteka agutekereza
N'aho agerey'iyo mu mashuli
Ikibazo cyawe kikamubabaza
Areba uko bakugenza Rwanda
Abana bawe bali mu bujiji
Urubyiruko rutazi aho rujya
Abanyamurengwe barwikubiye.
Arebye asanga nta galuriro
Ati ngabo z'u Rwanda nimuhaguruke
Ubwo inzirabwoba ziti turahali
Ingoboka-rugamba zinyur'impande
Ziti turashaka amahoro i Rwanda.
Ubumwe no gufatanya muli byose
Kuko nidushyira hamwe twese
Nibwo tuzagera kuli byinshi
Aliyo majyambere twifuza.
None lero cyo nimurebe
Uwo mubyeyi yasa na nde?
Yarabirebye ati ntibihwitse
Kugirango abantu bazamuke
Bose bose ntawe usigaye
N'uko bajya bakorera hamwe
Ubw'ahita atangiz'uyu muganda.
Urugero rwiza yabimbuje
Ni NYARUGUNGA muzi mwese
Maz'arahinga binyura bose.
Umuganda lero ubu n'itegeko
Akamaro kawo ntimukayobewe
Dor'imihanda dor'amashuli
Dor'amavuliro n'amazi
N'ibindi ntiriwe ndondora
Dukesha gukora dushyize hamwe.
Mirongo ilindwi n'indi itanu
Nibwo aduhaye MUVOMA nziza
Umutwe rukumbi wa Politiki
Ubwato twambukiramo twese
Ingabo idukingira aho rukomeye
Turakwisunze MUVOMA nziza
Nitwe urubyiruko ga tukubwira!!
Tulifuza inama zawe
Tulifuza rwose inkunga

.../...

Wadutera mur'uyu mwaka
Uti ese kandi icyo mwifuza
Twabakorera n'iki rwose
Ibyo dushaka ibyo byo ni byinshi
Aliko umuntu yagereranya.
Bwira Poroje iduh'amatungo
Aya ya kijyambere atubutse
Natwe tworore hano iwacu
Udushakire imbuto zose
Izi ziberanye no mubyaro.
Hano mu byaro tuzi gukina
Uduhe imyenda yo guserukana
Tujya gusura bene wacu.
Kand'udusure tuganire
Wumve nez'ibibazo tugira
Maze dushakire hamwe twese
Umuti wabyo bitatugoye.
Mpinire hafi mvug'umusozo
Nongere mbwire bene wacu
Aribo rubyiruko rw'uru Rwanda
Aka kajambo katali kanini
ngo n'uwapfuye yalihuse.
Mperutse kunyarukir'i NYARUGENGE
Numv'imigambi iriho itegurwa
Nsanga rwose bitangaje.
Ababishinzwe ntibakiryama
Ijoro n'umunsi barategura
Ibyo bazakorer'urubyiruko.
Narabyumvise ndanezerwa
None namwe ndabibabwiye.Cyo nimuhagurukire limwe mwese
Twitegure icy'uyu mwaka
Uzasiga uturaze kugez'iteka.
Sugira sagamba mubyeyi wacu
HABYALIMANA mugaba w'ingabo
Abo wabyaye tukulirimbe
Tunakuratire abatakuzi.
Sugira sabamba Muvoma nziza
Abanyarwanda turagukunda
Kuko uduhuliza hamwe twese.
Sugira Muryango w'Abibumbye
Ikiremwa-muntu kiragukunda
Kuko ukitangira uko bikwiye

.../...

Ukakilinda guhungabana
Ukagiteza imbere uko ushoboye.
Rubyiruko namwe cyo nimukomere
Mu kaz'umurego wo kwitanga
Kur'iyi ntego y'uyu mwaka
Tuzamukire limwe twese
Maze tuzajye tugira tuti:
Urabeho bujiji urabeho bukene
Cyo nimusubire iyo mwavuye
Inaha mu Rwanda ntitubashaka.
Icyo twifuza ni ukujyambere
No kujijuka iteka ryose
Abanyamahanga bajye bareba
Ibikorwa byacu batangare
Batangazwe n'ingufu zacu
Ndetse n'ukuntu tuzikoresha
Rubyiruko mwee! Murakaramba.

NIYONAMBAZA Asuman
Secteur BUGARAMA
Commune Kayenzi
Préfecture GITARAMA
C/O A.MU.R (A.S.B.L)
B.P. 594 KIGALI.-